P.O BOX 7289 KIGALI
PHONE: +250 252 584562
FAX: + 250 252 584563
E-MAIL: info@rura.rw

Web site: www.rura.rw

AMABWIRIZA N°001/TRANS/WT/RURA/2014 YO KUWA 20/08/2014 AGENGA IMIKORERE Y'UMURIMO WO GUTWARA ABANTU N'IBINTU KU MAZI Y'U RWANDA

ISHAKIRO

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE....4

Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije....4

Ingingo ya 2: Abo bireba....4

Ingingo ya 3: Ibisobanuro by' amagambo akoreshwa muri aya mabwiriza....4

UMUTWE WA 2: URUHUSHYA RWO GUTWARA ABANTU CYANGWA IBINTU KU MAZI....5

Ingingo ya 4: Gukora umurimo wo gutwara abantu cyangwa ibintu ku mazi y' u Rwanda....5

Ingingo ya 5: Amoko y' impushya....5

Ingingo ya 6: Igihe cyo gutanga uruhushya....5

Ingingo ya 7: Ibisabwa umuntu wifuza uruhushya....6

Ingingo ya 8: Ibisabwa Ikigo cyifuza uruhushya....6

Ingingo ya 9: Igihe uruhushya rumara....6

Ingingo ya 10: Ibisabwa mu kongera uruhushya rw'uwikorera....6

Ingingo ya 11: Kongera uruhushya rw' ikigo....7

Ingingo ya 12: Imiterere y' ubwato busabirwa uruhushya....7

Ingingo ya 13: Imiterere y' uruhushya....7

Ingingo ya 14: Uguhinduka k'Uruhushya....8

Ingingo ya 15: Gusimbuza uruhushya rwibwe, rwatakaye, cyangwa rwangiritse....8

Ingingo 16: Guteshwa agaciro k'uruhushya....8

Ingingo ya 17: Ukwamburwa uruhushya....9

UMUTWE WA 3: IMIPAKIRIRE Y'ABANTU CYANGWA IBINTU MU BWATO....9

Ingingo ya 18: Ibisabwa amato....9

Ingingo ya 19: Ibisabwa mu gupakira mu bwato....10

UMUTWE WA 4: UBURENGANZIRA N'INSHINGANO Z' ABAKORA UMURIMO WO

GUTWARA ABANTU N'IBINTU KU MAZI.....10

Ingingo ya 20: Guhagarika umurimo wo gutwara abantu n' ibintu ku mazi.....10

Ingingo ya 21: Gusubukura uruhushya rwo gutwara abantu cyangwa ibintu ku mazi ...10

Ingingo ya 22: Kumenyekanisha Impanuka.....10

Ingingo 23: Igenzurwa.....11

Ingingo 24: Kujuririra ibyavuye mu igenzura.....11

Ingingo ya 25: Kujuririra icyemezo cy' Inama Ngenzuramikorere 11

Ingingo ya 26: Ibihano.....11

UMUTWE WA 5: INGINGO ZISOZA.....11

Ingingo ya 27: Ivanwaho 11

Ingingo ya 28: Ishyirwa mu bikorwa 12

UMUGEREKA WA I : AMAFARANGA ATANGWA MU GUSABA URUHUSHYA.....13

UMUGEREKA WA II: AMAKOSA N'IBIHANO BYAYO.....14

Inama Ngenzuramikorere, mu nama yayo yo kuwa 24/7/2014

Ishingiye ku Itegeko N° 09/2013 ryo kuwa 01/03/2013 rishyiraho Urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura imikorere y'Inzego zimwe z'imirimo ifitiye igihugu akamaro; cyane cyane mu ngingo zaryo za 2,6,8, 20 na 37;

Isubiye ku Mabwiriza y' Inama Ngenzuramikorere yo gutwara abantu n'ibintu ku mazi yo ku wa 11 Ugushingo 2009;

Ishingiye ku myanzuro ya raporo y'inama yahuje Urwego Ngenzuramikorere, abatwara ibintu n' abantu ku mazi, inzego zishinzwe umutekano ku mazi n' ubuyobozi bw' inzego z' ibanze ku itariki ya gatatu (3), iya munani (8), iya cumi n' imwe (11), iya cumi na zirindwi (17) n' iya makumyabiri n' enye (24) Ukwakira 2013;

Ishingiye kandi ku myanzuro y'inama yo ku wa 12 Kamena 2014 yahuje Urwego Ngenzuramikorere n'abandi bafatanyabikorwa bose bo mu Gihugu;

YEMEJE :

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo aya mabwiriza agamije

Aya mabwiriza ashyiraho kandi akanagena imikorere y' umurimo wo gutwara abantu cyangwa ibintu ku mazi y' u Rwanda hifashishijwe ubwato.

<u>Ingingo ya 2</u>: Abo bireba

Aya mabwiriza areba abantu cyangwa ibigo bibifitiye ubushobozi bikora cyangwa byifuza gukora umwuga wo gutwara abantu n'ibintu ku mazi y' u Rwanda.

<u>Ingingo ya 3</u>: Ibisobanuro by' amagambo akoreshwa muri aya mabwiriza

Muri aya mabwiriza, amagambo akurikira asobanura ibi bikurikira:

1°) Ikoti ry'umutekano (life jacket) : Ikoti ryabugenewe ribuza umuntu uguye mu mazi kurohama;

2°) Ikigo: sosiyete yanditse mu gitabo cy' ubucuruzi nk' ikora umurimo wo gutwara abantu cyangwa ibintu ku mazi y' u Rwanda cyangwa koperative ifite ubuzima gatozi ikora uwo murimo;

3°) Inama Ngenzuramikorere: Urwego rukuru rugenzura imikorere y' Urwego Ngenzuramikorere;

4°) Kongera uruhushya: gusimbuza uruhushya rushya urwacyuye igihe;

5°) Ubwato bw'ubucuruzi : ubwato bwose bukora umwuga wo gutwara abantu cyangwa ibintu ku mazi hagamijwe inyungu y' ubucuruzi;

6°) Umuyobozi w'ubwato : umuntu wese utwaye ubwato ku mazi;

7°) Ubwato buto : ubwato bwose bushobora gutwara abantu batarenze 60 cyangwa ibintu bitarengeje toni 10;

8°) Ubwato bunini : ubwato bwose bushobora gutwara abantu barenze mirongo itandatu (60) cyangwa ibintu birengeje toni icumi (10);

9°) Urwego Ngenzuramikorere: Urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro (RURA) rushyirwaho n'Itegeko N^{o} 09/2013 ryo kuwa 01/03/2013.

UMUTWE WA 2: URUHUSHYA RWO GUTWARA ABANTU CYANGWA IBINTU KU MAZI

Ingingo ya 4: Gukora umurimo wo gutwara abantu cyangwa ibintu ku mazi y' u Rwanda

Umuntu, cyangwa ikigo bifuza gukora umurimo wo gutwara abantu cyangwa ibintu ku mazi y' u Rwanda bagomba kubisabira uruhushya Urwego Ngenzuramikorere mbere yo gutangira uwo murimo.

Ingingo ya 5: Amoko y' impushya

Urwego Ngenzuramikorere rutanga impushya z' amoko abiri:

1° Uruhushya rumara igihe cy' umwaka ruhabwa umuntu wikorera;

2° Uruhushya rumara imyaka ibiri (2) ruhabwa ibigo byujuje ibisabwa.

Ingingo ya 6: Igihe cyo gutanga uruhushya

Mugihe usaba uruhushya yujuje ibyangombwa, ahabwa uruhushya mugihe kitarenze iminsi irindwi (7) uhereye igihe yabigereje ku Rwego Ngenzuramikorere.

Iyo icyo gihe kirenze usaba uruhushya afite uburenganzira bwo gusaba Urwego Ngenzuramikorere ibisobanuro mu nyandiko.

Ingingo ya 7: Ibisabwa umuntu wifuza uruhushya

Umuntu wese wifuza uruhushya rwo gutwara abantu cyangwa ibintu ku mazi agomba kugaragaza ibi bikurikira:

a) Kuzuza ifishi yo kwiyandikisha;

b) Icyemezo kigaragaza ko ubwato ari buzima gitangwa na Polisi y' Igihugu;

c) Ubwishingizi bw'ubwo bwato butari munsi y'amezi atandatu (6), kandi hakishingirwa abagenzi, Umuyobozi w'ubwato, n'ibintu bwemerewe gutwara;

d) Inyemezabwishyu y'amafaranga asabwa kugirango atangire uwo murimo nk'uko bigaragara ku mugereka w'aya mabwiriza.

Ingingo ya 8: Ibisabwa Ikigo cyifuza uruhushya

Ikigo cyifuza uruhushya rwo gutwara abantu cyangwa ibintu ku mazi kigomba kugaragaza ibi bikurikira:

a) Ibaruwa ibisaba yandikiwe Umuyobozi Mukuru w'Urwego Ngenzuramikorere;

b) Kuzuza ifishi yo kwiyandikisha;

c) Kugira byibuze amato atanu (5) mato cyangwa amato atatu (3) manini;

d) Icyemezo kigaragaza ko ubwato ari buzima gitangwa na Polisi y' Igihugu;

e) Amategeko shingiro (statut) iyo ari koperative cyangwa icyemezo cy' ubuzima gatozi kuri koperative yifuza gukora umwuga wo gutwara abantu n'ibintu ku mazi;

f) Icyemezo cy' ubucuruzi kuri sosiyete;

g) Kugaragaza umushinga w'ubucuruzi byibuze w'imyaka itanu (5);

e) Inyemezabwishyu y'amafaranga agaragara ku mugereka w'aya mabwiriza.

Ingingo ya 9: Igihe uruhushya rumara

Uruhushya rw'abikorera rumara igihe cy'umwaka umwe ushobora kongerwa;

Uruhushya rw' ibigo cyangwa amakoperative rumara imyaka ibiri (2) ishobora kongerwa;

Ingingo ya 10: Ibisabwa mu kongera uruhushya rw'uwikorera

Umuntu wese wifuza kongera uruhushya rwo gutwara abantu cyangwa ibintu ku mazi yitwaza ibiteganywa mu ngingo ya karindwi (7) hiyongereyeho ibi bikurikira :

a) Umwimerere w' uruhushya asanganywe;

b) Inyemezabwishyu y' amafranga atangwa buri mwaka ahwanye n'ijanisha riva ku gaciro k'ibyacurujwe.

Umuntu wese usaba kongera uruhushya ntasabwa gusubira kuzuza ifishi yo kwiyandikisha, kandi ibyo abikora mugihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) mbere y'uko uruhushya yarasanganywe rucyura igihe.

<u>Ingingo ya 11:</u> Kongera uruhushya rw' ikigo

Ikigo cyifuza kongereza uruhushya rwo gutwara abantu cyangwa ibintu ku mazi cyitwaza ibiteganywa mu ngingo ya munani (8) hiyongereyeho ibi bikurikira:

a) Kugaragaza ubushobozi bwite bwo gukomeza gukora nk' ikigo bushingiye ku mubare w'ubwato byavuzwe mu ngingo ya munani (8);

b) Raporo yerekeranye n'ubucuruzi bakora buri mwaka (Financial report/Rapport Financier);

c) Inyemezabwishyu y'amafaranga ahwanye n'ijanisha riva ku gaciro k'ibyacurujwe;

Ikigo gisaba kongera uruhushya nticyongera gusabwa kuzuza ifishi yo kwiyandikisha.

<u>Ingingo ya 12:</u> Imiterere y' ubwato busabirwa uruhushya

Ubwato busabirwa uruhushya bugomba kuba bwujuje ibi bikurikira:

1° Kuba butwarwa na moteri ifite imbaraga zikwiranye n'urugendo n'abantu cyangwa imizigo butwara;

2° Kuba butava kandi bukomeye;

3° Kuba bufite inanga, urwego, na "finders";

4° Kuba bufite umugozi ubuzirika wa metero cumi n' eshanu (15);

5° Kuba bufite ibikoresho byabugenewe byo gutwaramo esansi;

6° Kuba bufite itara ryaka igihe cyose ubwato bugenda nijoro;

7° Kuba bufite ibikoresho byabugenewe bizimya umuriro;

8° Kuba butwikiriye kandi bufite intebe zisukuye iyo bugenewe gutwara abantu;

9° Kugira umurongo ugaragaza aho amazi agarukira mu gihe ubwato bupakira.

<u>Ingingo ya 13</u>: Imiterere y' uruhushya

Uruhushya ruhabwa ubwato rugizwe n'ibi bikurikira:

1° Ikirangantego cy' Urwego Ngenzuramikorere;
2° Numero y'uruhushya;
3° Izina na numero y'ubwato;
4° Izina cyangwa amazina y'uhawe uruhushya naho abarizwa;
5° Uburebure, ubugari n' ubuhagarike by'ubwato;
6° Ubwoko bw'ubwato;
7° Moteri y'ubwato;
8° Icyo bukora;
9° Umubare ntarengwa w'abantu cyangwa uburemere bw' ibintu bwemerewe gutwara;
10° Aho ubwato bukorera;
11° Igihe uruhushya rutangiwe n'igihe ruzamara;
12° Numero y'inyemezabwishyu y' amafranga y' uruhushya;
13° Umukono w'Umuyobozi Mukuru wa RURA.

Ingingo ya 14: Uguhinduka k'Uruhushya

Ihindurwa ryuruhushya rishobora gukorwa n'Urwego Ngenzuramikorere rubyibwirije cyangwa se rubisabwe na nyirarwo.

Urwego Ngenzuramikorere rushobora guhindura mu gihe bigaragaye ko ihindurwa ry'uruhushya ari ngombwa kugirango hasubizwe ibi bikurikira:

a) Iyo habayeho ihindurwa ry'amategeko, amabwiriza cyangwa se icyemezo cy'Urukiko cyafashwe gifite ingaruka ku uruhushya nyirizina;
b) Iyo habayeho kunanirwa kuzuza inshingano ziteganywa bidaturutse ku impamvu z'uwahawe uruhushya;
c) Iyo habayeho ihindurwa ry'abanyamigabane cyangwa se imiterere y'uwahawe uruhushya;
d) Kutubahiriza ibiteganywa mu ruhushya, ibikubiye mu mabwiriza cyangwa ibindi byemezo byafashwe n'Urwego Ngenzuramikorere.

Ingingo ya 15: Gusimbuza uruhushya rwibwe, rwatakaye, cyangwa rwangiritse

Uruhushya rwibwe, rwatakaye cyangwa rwangiritse rusimbuzwa urundi (Duplicata) ku busabe bwanditse bwa nyirubwato hishyuwe amafranga agaragara ku mugereka.

Iyo uruhushya rwabuze rubonetse, nyuma yo guhabwa Duplicata, nyirarwo asubiza Urwego Ngenzuramikorere uruhushya rw' umwimerere ariko ntasubizwa amafranga yatanzwe.

Ingingo 16: Guteshwa agaciro k'uruhushya

Uwahawe uruhushya ashobora gusaba ko uruhushya rwateshwa agaciro mu gihe bisabwe mu

nyandiko kandi akabitangira impamvu.

Ingingo ya 17: Ukwamburwa uruhushya

Ukwamburwa uruhushya bikorwa n'Urwego Ngenzuramikorere rubyibwirije. Urwego Ngenzuramikorere rushobora kwambura uruhushya Ikigo, Koperative cyangwa umuntu uwariwe wese iyo bigaragaye ko:

a) Mu gihe uwahawe uruhushya atubahiriza ibiteganganywa n'amategeko ndetse n'amabwiriza agenga umurimo wo gutwara abantu n'ibintu ku mazi ndetse n'inshingano zikubiye mu ruhushya;
b) Uwahawe uruhushya yataye imirimo yakoraga;
c) Mu gihe bigaragaye ko uwahawe uruhushya atubahiriza amabwiriza y'Urwego Ngenzuramikorere cyangwa yanga korohereza abakozi b'Urwego Ngenzuramikorere gukora igenzura rijyanye n'imirimo akora ndetse n'imikoreshereze y'umutungo;
d) Mu gihe uwahawe uruhushya yahamijwe n'Inkiko zibifitiye ububasha ko yahombye;
e) Mu gihe uwahawe uruhushya yatanze raporo cyangwa amakuru y'ibinyoma abigambiriye atuma Urwego Ngenzuramikorere rufata ibyemezo bitaribyo.

UMUTWE WA 3: IMIPAKIRIRE Y'ABANTU CYANGWA IBINTU MU BWATO

Ingingo ya 18: Ibisabwa amato

Kugirango ubwato bwemererwe gupakira ibintu cyangwa abantu bugomba kuba bufite ibyangombwa bikurikira:

1° Ubwishingizi bw' ubwato n' ibibugendamo;

2° Uruhushya rutangwa n' Urwego Ngenzuramikorere;

3° Izina na nomero iburanga yatanzwe n' Urwego Ngenzuramikorere byanditse ku bwato ahantu hagaragara;

4° Telefone igendanwa ku bwato buto cyangwa ibikoresho by' itumanaho byabugenewe ku bwato bunini;

5° Ibikoresho by' ubutabazi bw' ibanze bikurikira:

a) Siparadara;
b) Bande;
c) Ibikwasi;
d) Isabune;
e) Udupfukantoki (gants);
f) Umukasi;
g) Alukore;

h) Ipamba.

6° Agatabo kagaragaza amakuru y' urugendo;

7° Registre (manifeste) y' abagenzi ku mato atwara abantu.

<u>Ingingo ya 19:</u> Ibisabwa mu gupakira mu bwato

Mu gupakira ubwato, umuyobozi wabwo agomba kubahiriza ibi bikurikira:

1. Isuku y' ubwato;
2. Kutarenza amazi umurongo agarukiraho bapakira;
3. Kutarenza umubare w' abantu afitiye ubwishingizi;
4. Kutavanga abantu n' imitwaro cyangwa amatungo uretse umutwaro w' umugenzi uhwanye n' ibiro icumi (10 kgs) utishyuzwa yemerewe kwinjirana;
5. Kudatwara umuntu utambaye ikoti ry'umutekano;
6. Kubahiriza ibiciro byashyizweho n' Urwego Ngenzuramikorere.

<u>UMUTWE WA 4</u>: UBURENGANZIRA N'INSHINGANO Z' ABAKORA UMURIMO WO GUTWARA ABANTU N'IBINTU KU MAZI

<u>Ingingo ya 20</u>: Guhagarika umurimo wo gutwara abantu n' ibintu ku mazi

Uwifuza guhagarika umurimo wo gutwara abantu cyangwa ibintu ku mazi yandikira Urwego Ngenzuramikorere arumenyesha ko aretse uwo murimo akishyura umusanzu ku byacurujwe uteganywa n'Inama Ngenzuramikorere ubarwa hakurikijwe amezi yakoze mbere yo kwemererwa guhagarika uwo murimo ndetse akanasubiza uruhushya yahawe.

<u>Ingingo ya 21:</u> Gusubukura uruhushya rwo gutwara abantu cyangwa ibintu ku mazi

Umuntu wifuza gusubukura uruhushya yahagarikishije ku bushake yubahiriza ibiteganywa mu ngingo ya karindwi (7) y'aya mabwiriza.

Iyo ari ikigo cyubahiriza ibiteganya mu ngingo ya munani (8) y'aya mabwiriza.

Uruhushya rwahagaritswe bikomoka ku bihano nyirarwo yahawe ntirushobora gusubizwa nyirarwo igihe cyose impamvu yatumye ruhagarikwa itavuyeho.

<u>Ingingo ya 22:</u> Kumenyekanisha Impanuka

Umuyobozi w'ubwato ugize impanuka agomba guhita asaba ubutabazi bwihuse abashinzwe umutekano bamwegereye akoresheje telefone, ifirimbi cyangwa indi mpuruza imuri hafi.

Ingingo 23: Igenzurwa

Umuyobozi w'ubwato agomba kwemerera abakozi b' Urwego Ngenzuramikorere babifitiye ububasha kugenzura niba ubwato bwujuje ibyangombwa bisabwa n'amategeko. Ategetswe kandi kwerekana ikarita y'umuyobozi w'ubwato n'ibyangombwa by'ubwato kugirango bigenzurwe.

Ingingo 24: Kujuririra ibyavuye mu igenzura

Umuyobozi w'ubwato cyangwa nyirubwato utemera amakosa aregwa abimenyesha Inama Ngenzuramikorere mu nyandiko mugihe kitarenze iminsi icumi (10) uhereye itariki yamenyesherejweho ayo makosa. Iyo nyandiko igaragaza ibi bikurikira:

1) Amakosa yose aregwa atemera;
2) Impamvu n'ibimenyetso bituma atemera amakosa aregwa;
3) Ibihano byose yahanishijwe kubera amakosa atemera;
4) Kugaragaza icyifuzo cye.

Ingingo ya 25: Kujuririra icyemezo cy' Inama Ngenzuramikorere

Umuyobozi w'ubwato cyangwa nyirubwato wajuririye ibyavuye mu igenzura ahabwa igisubizo mu gihe kitarenze iminsi icumi (10) uhereye igihe ubujurire bwe bwakiriwe n' Inama Ngenzuramikorere.

Iyo atanyuzwe n' icyemezo cy' Inama Ngenzuramikorere akijuririra mu Rukiko rubifitiye ububasha.

Ingingo ya 26: Ibihano

Buri muntu cyangwa ikigo gikora umwuga wo gutwara abantu n'ibintu mu bwato bagomba kubahiriza ibikubiye muri aya mabwiriza.

Ukutubahiriza aya mabwiriza bihanishwa :

1°.Ihazabu igaragara ku mugereka wa II w' aya mabwiriza ;

2°. Kwamburwa uruhushya rwo gukora mu gihe cy'amezi atatu (3) cyangwa kurwamburwa burundu bitewe n'uburemere bw' amakosa yo mu rwego rw'ubutegetsi yakozwe.

Ibihano biteganywa muri aya mabwiriza ntibisimbura cyangwa ngo bikureho ibihano biteganywa n'andi mategeko.

UMUTWE WA 5: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 27: Ivanwaho

Amabwiriza agenga gutwara abantu n'ibintu ku mazi yo kuwa 11 Ugushingo 2009 avanyweho.

<u>Ingingo ya 28</u>: Ishyirwa mu bikorwa

Aya mabwiriza atangira gushyirwa mu bikorwa umunsi yashyiriweho umukono n' Umuyobozi w' Inama Ngenzuramikorere.

Kigali ku wa 20 /08/2014

Se

Eng. Coletha U. RUHAMYA

Perezida w'Inama Ngenzuramikorere

UMUGEREKA WA I: AMAFARANGA ATANGWA MU GUSABA URUHUSHYA

Umuntu wifuza uruhushya rwo gutwara abantu cyangwa ibintu ku mazi yishura amafaranga mu buryo bukurikira :

1. Amafaranga yo kwiyandikisha ibihumbi makumyabiri (20.000 frw) ku bwato buto n'ibihumbi mirongo itanu (50.000frw) ku bwato bunini yishyurwa kuri konte y' Urwego Ngenzuramikorere;
2. Amafranga y'uruhushya ibihumbi bitanu (5,000frw) kuri buri bwato buto n' ibihumbi makumyabiri (20,000frw) kuri buri bwato bunini yishyurwa buri mwaka kuri konte y' Urwego Ngenzuramikorere nyuma yo kwemererwa uruhushya;
3. Amafaranga yo kwiyandikisha ibihumbi mirongo itanu (50.000 frw) y'u Rwanda kuri buri kigo cyangwa koperative ikoresha ubwato buto n'ibihumbi mirongo itanu(50.000frw) kuri buri kigo cyangwa koperative ikoresha ubwato bunini, yishyurwa kuri konte y' Urwego Ngenzuramikorere;
4. Amafranga y' uruhushya ibihumbi makumyabiri na bitanu (25,000frw) ku kigo cyangwa koperative gikoresha ubwato buto n' ibihumbi mirongo itandatu (60,000frw) ku kigo cyangwa koperative gikoresha ubwato bunini yishyurwa buri mwaka kuri konte y' Urwego Ngenzuramikorere nyuma yo kwemererwa uruhushya;
5. Amafaranga ibihumbi cumi n' umunani (18.000frw) ku bwato buto n' ibihumbi mirongo itanu na kimwe (51.000frw) ku bwato bunini atangwa buri mwaka ahwanye n'ijanisha riva ku gaciro k'ibyacurujwe;
6. Amafaranga angana na kimwe cya kabiri cy'asabwa ku ruhushya rw'umwimerere k' umuntu cyangwa ikigo bisaba Duplicata y'uruhushya.

UMUGEREKA WA II: AMAKOSA N'IBIHANO BYAYO

No	icyaha	Amande yo mu rwego rw'ubutegetsi ku muntu muremano ukoresha		Amande kuri Sosiyete cg Koperative
		Ubwato buto	Ubwato bunini	
1	Gutwara ubwato nta ruhushya rw' ubwato (Authorization / license)	25,000	80,000	150,000
2	Gutwara ubwato nta bwishingizi	25,000	80,000	150,000
3	Gukoresha uruhushya rwacyuye igihe	5,000	20,000	50,000
4	Gutwara ubwato nta ruhushya rwo gutwara (boat driving license)	25,000 + Gufunga ubwato	25,000 + Gufunga ubwato	50,000 + Gufunga ubwato
5	Gutwara wasinze	25,000 + Gufunga ubwato	25,000 + Gufunga ubwato	50,000 + Gufunga ubwato
6	Gutwara umugenzi utambaye ikoti ry'umutekano	10000/ umuntu 1	10,000 /umuntu1	10,000
7	Kurenza umubare w' abagenzi bishingiwe	10000/ umuntu 1	10,000 /umuntu1	10,000
8	Gutwara imizigo udafitiye uburengazira (livestock or dangerous goods)	25,000	80,000	150,000
9	Kuvanga imitwaro n' abantu	10,000	20,000	50,000
10	Gutwara ubwato butanditseho izina na numero iburanga	25,000	80,000	150,000
11	Gutwara ubwato mu masaha atemewe n' inzego zibifitiye ububasha	25,000	80,000	150,000
12	Gupakira birengeje ubushobozi bw' ubwato	10,000	20,000	50,000
13	Gutwara ubwato nta moteri	25,000	80,000	150,000
14	Kwica ibiciro nkana ugamije indonke cyane cyane mu ngendo z' abanyeshuri	10,000	30,000	50,000
15	Kwanga kwereka ibyangombwa umukozi ubufitiye ububasha	25,000	80,000	150,000
16	Guta abagenzi mu nzira	5,000	30,000	50,000
17	Kutagaragaza ibiciro byemejwe n' Inama Ngenzuramikorere	5,000	10,000	50,000
18	Guha Urwego Ngenzuramikorere amakuru, inyandiko cyangwa ibisobanuro binyuranije n' ikuri	25,000	80,000	150,000
19	Kwangiza nkana ibidukikije	10,000	20,000	50,000

20	Kutitwaza ibikoresho bivugwa mu ngingo ya 14	10,000	20,000	50,000
21	Kwiha inzira nyabagendwa cyangwa kwivana mu nzira nyabagendwa yahawe atabiherewe uburenganzira n"Urwego Ngenzuramikorere	25,000	80,000	150,000

Bibonywe kugirango bishyirwe ku mugereka w'Amabwiriza N°001/TRANS/WT/RURA/2014 yo kuwa 20/08/2014 agenga imikorere y'umurimo wo gutwara abantu n'ibintu ku mazi y' u Rwanda.

Kigali ku wa 20/08/2014

Se

Eng. Coletha U. RUHAMYA
Perezida w'Inama Ngenzuramikorere